

Muraho banyeshuri ba DPS! Nitwa Anthony Green, niga ku Ishuri rya Ponitz Career Technology Center. Uyu muni, ngiye kubafasha kwiga uko bakoresha Greater Dayton Regional Transit Authority, izwi nka RTA, kugira ngo musobanukirwe ibijyanye n'uburyo abanyeshuri bagenda mu modoka y'ikigo cyanyu. Aya mashusho araba arimo buri kintu cyose mukeneye kumenya kugira ngo mutangire gukoresha RTA uyu muni, uhereye ku gushaka umuhanda ukoreshwa, ukagera ku kugenda muri bisi no kugera aho mugiyeye amahoro.

Reka dutangire!

Gushaka umuhanda

Hari uburyo bwinshi butandukanye bwo gushaka umuhanda ukujyana cyangwa ukuvana ku ishuri, cyangwa ahandi hantu.

Mu gihe ukoresha telefone yawe, shaka porogaramu igaragaza ikarita ya Google cyangwa Apple maze wandikemo izina ry'aho ugiye. Hindura uburyo bwo kugenda wandikamo gufata bisi, ibi ushobora kubikora ukanda ku kamenyetso kerekana bisi. Uhereye aho, telefone yawe ihita igaragaza umuhanda uzanyuramo uhereye ku kujya ku cyapa cya bisi, kugenda muri bisi, kuva muri bisi no kwerekeza aho ushaka kujya.

Ubu buryo bushobora no gukorerwa kuri mudasobwa nini. Biroroshye, ujya ku makarita ya Google, wandikemo izina ry'aho ushaka kujya, uhindura uburyo bwo kugenda ushyiramo bisi, maze ubone amahitamo atandukanye ajyanye n'umuhanda. Iyo ahantu uri buhagurukire hatarimo, ushobora kwandikamo aderesi y'ahantu uzakubwirako.

Ushobora kandi gukururira kuri interineti Porogaramu ya Transit ku buntu kugira ngo urebe imihanda ikoresheye. Andikamo izina ry'ahantu uri n'iry'aho ugiye kugira ngo ubone umuhanda wa RTA ugomba gufata. Porogaramu ya Transit izakubwira kandi igihe ugomba gutangira kugira ku cyapa cya bisi kugira ngo ugereye mbere y'uko imodoka ihagarara.

Niba ushaka kureba buri gashyamba yerekana umuhanda bisi izacamo mu buryo burambuye, ushobora gusura urubuga rwa RTA kuri iriderta.org. Uhereye aho, hitamo imihanda maze ukande kuri buri muhanda kugira ngo urebe ikarita, aho bisi igenda ahagaragara n'igihe igererayo.

Gutegerereza Bisi ku Cyapa

Ni umuco mwiza kugera ku cyapa nibura iminota 5 mbere y'igihe imodoka ihagera. Igihe utegereje imodoka, ni ingenzi kuba ugaragara kugira ngo umushoferi amenye ko utegereje bisi. Uburyo bwiza bwo kubikora ni uguhaguruka ukazunguza ikiganza igihe ubonye bisi ije. Wibuke kuba witeguye ufite ikarita yawe y'urugendo mu ntoki mbere yo kwinjira muri bisi.

Kwinjira muri bisi no Kwishyura urugendo

Niwinjira muri bisi, uzakoza ikarita yawe ku kamashini kagaragaza amafaranga yishyuye. Amakarita y'urugendo aba ari meza mu gihe ushaka gukora urugendo inshuro ushatse zose mu

gihe cy'iminsi 31. Igihe cy'iminsi 31 gitangira ugitangira gukoza ikarita yawe ku kamashini. Igihe ubonye indi karita nshya mbere y'uko iyo usanganywe irangira, witangira gukoresha inshya kugeza igihe uyikenereye. Ibi bizatuma ukomeza kugira inshuro z'urugendo ushatse mu kwezi kose gukurikiyeho. Ni inshingano zawe kwibuka igihe watangiye gukoreshereza ikarita yawe. Kugira ngo ubikore, ushobora kwandika itariki wayinyurije mu cyuma kiyifungura bwa mbere n'igihe izarangirira kuri iyo karita.

DPS iha abanyeshuri amakarita y'urugendo yo gukoresha mu kwezi kose. Amakarita azatangirira kuri buri shuri ryisumbuye buri kwezi. Vugana n'umuyobozi wawe w'ikigo niba uyikeneye. Umenye ko aya makarita atazongerwamo amafaranga kandi arangira nyuma y'iminsi 31.

Kugenda muri bisi

Turagusaba kwicara mu mwanya, cyangwa ugahaguruka ugafata ukomeje icyuma cyabugenewe cyangwa umukandara igihe imodoka igenda. Igihe uhagaze uvuye mu modoka, ugomba kuguma inyuma y'umurongo w'umuhondo imbere ya bisi ku bw'umutekano wawe.

Andi mategeko y'umuhanda arimo:

- Birabujijwe kunywa itabi ry'ubwoko ubwo aribwo bwose.
- Birabujijwe kurya cyangwa kunywa. Igihe wazanye ibyo kurya cyangwa kunywa mu modoka, bigomba kuba biri mu kintu gifunze neza.
- Igihe ushaka kumva umuziki, ugomba kwambara ekuteri.
- Reka kuvugira kuri telefone ngendanwa.
- Abakiriya ntibagomba gukoresha imvugo itukana cyangwa kugira imyitwarire ibangamira abandi.
- Kwangiza umutungo wa RTA ntibiyahanganirwa.
- Abakiriya bagomba gutanga inzira kugira ngo abandi banyureho.
- Igihe hari imyanya mike, reka abakiriya bakuze n'abafite ubumuga bicare hafi y'umwanya w'imbere muri bisi.

Turagusaba gukurikiza aya mategeko n'andi mabwiriza atangwa n'umushoferi. Igihe aya mategeko adakurikijwe, abari mu modoka bashobora gukurwa muri bisi.

Gusohoka muri Bisi

Igihe bisi iri kwegera icyapa uviramo, ugomba kumenyesha umushoferi ko uvamo ukurura umugozi uri mu ruhande rwa bisi.

Kurura uwo mugozi *nyuma* y'uko murenze icyapa kibanziriza icyo uviramo. Igihe urimo gusohoka muri bisi, turagusaba kuviramo mu muryango w'inyuma kugira ngo ureke abinjira bakoreshe umuryango w'imbere. Wibuke ko urujya n'uruza rudahagarara kugira ngo bisi zitwara abagenzi zihite – Ntuzigere na rimwe wambuka umuhanda ureba bisi imbere yawe, kandi kurikiza amategeko yose y'umuhanda kandi urebe neza ko hari urujya n'uruza rurimo kuza rugusanga nyuma yo kuva muri bisi. Nyuma y'uko usohoka muri bisi, ushobora gukomeza

kugenda n'amaguru werekeza aho ujya. Turagusaba kwigengesera igihe wambuka umuhanda n'aho imihanda ihurira.

Kwitegura Umunsi wa Mbere wo kujya ku Ishuri

Ushobora kwimenyereza gutega bisi muri za wikendi ku buntu, kuko RTA itwara abana ku buntu buri ku wa Gatandatu na buri ku Cyumweru kugeza ku itariki 4 Nzeri. RTA izatangaza ingengabihe nshya za bisi ku itariki ya 14 Kanama. Ugomba kureba izi ngengabihe kugira ngo umenye igihe nyacyo bisi ihagurukira ku munsi wa mbere w'ishuri. Nureba ingengabihe mbere y'iyi tariki, igihe bisi ihagurukira ntikizaba cyo.

Niba hari ibindi bibazo ku byerekeye uko bakoresha RTA, sura iriderta.org.